Muzarwanye ababangikanyamana n'imitungo yanyu, namwe ubwanyu ndetse n'indimi zanyu

Hadith yaturutse kwa Anas Ibun Malik (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Muzarwanye ababangikanyamana n'imitungo yanyu, namwe ubwanyu ndetse n'indimi zanyu."

[Hadithi y'impamo] [رواه أبو داود والنسائي وأحمد]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yategetse kurwanya abahakanyi no gukora ibishoboka byose mu kubarwanya mu buryo ubwo ari bwo bwose, mu bushobozi ubwo ari bwo bwose, kugira ngo ijambo rya Allah ryogere; no muri byo: Icya mbere: Gutanga umutungo mu kubarwanya, nko kugura intwaro, n'ibitunga abari ku rugamba n'ibindi nk'ibyo. Icya kabiri: Kujya ku rugamba ubwanyu kugira ngo muhure nabo munabarwanye. Icya gatatu: Kubahamagarira kuyoboka iri dini n'ururimi, no kubagaragariza gihamya n'ibimenyetso, no kubamagana, ndetse no kubasubiza.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/64597